COPEDU PLC
TWIZIGAMIRE TUGURIZWE
DUTERE IMBERE

**AMASEZERANO YO KUZIGAMIRA INZU**

**ABASHYIZE UMUKONO KURI AYA MASEZERANO:** **CPTE: ........................**

IKIGO CY'IMARI « COPEDU PLC », gihagarariwe muri aya masezerano na Madamu **.................................** Umuyobozi ushinzwe ishami ry'ubucuruzi hakurikijwe ububasha yahawe n'umuyobozi Mukuru Madamu **MUYANGO Raissa** , aricyo cyitwa « **Uzigama** » mu ngingo zikurikira :na **...............................................** mwene **..............................** na **....................................** ufite Indangamuntu **Nº ..............................** yatangiwe ............................. utuye **......................................** ariwe witwa « **Uzigamirwa** » mu ngingo zikurikira.

**BEMERANIJWE IBI BIKURIKIRA :**

**Ingingo ya 1**:Uzigamirwa yiyemeje kuzigama buri kwezi muri COPEDU PLC , umubare w'amafaranga..........................................................(**..................**) mu gihe cy'amezi makumyabiri n'ane (**24**). **Umubare w'amafaranga n'itariki ayo mafaranga ashyirirwa kuri konti ntibishobora guhinduka**, kandi uzigamirwa ntiyemerewe kubikuza ayo mafaranga, cyereka yabyemerewe na COPEDU PLC, nk'uko biteganyijwe mu ngingo ya 7 y'aya masezerano.

**Ingingo ya 2**: Uzigama yemeye guha uzigamirwa inyungu z'amafaranga ***4%*** nyuma y'uko igihe cy'amezi yavuzwe haruguru cyubahirizwa kandi ayo mafaranga yazigamwe akiri kuri konti y'uzigamirwa kugeza ku itariki ya **....................................**

**Ingingo ya 3**: Izo nyungu azazihabwa hakuwemo imisoro iteganyijwe n'amategeko.

**Ingingo ya 4** : Iyo amezi makumyabiri n'ane (24) ashize uzigamirwa yujuje ibyavuzwe mu ngingo ya 1 n'iya 2 kandi akaba yujuje ibiteganywa na politiki y'inguzanyo, ahabwa inguzanyo itarenze ***70%*** y'agaciro k'inzu yifuza.

**Ingingo ya 5** : Inzu yazigamiwe ishobora kuba ingwate mu gihe uzigamirwa nta yindi ngwate afite cyangwa ikaba ingwate y'inyongera igihe bibaye ngombwa.

**Ingingo ya 6** : Impande zombi zumvikanye na none ko impinduka iyo ariyo yose yerekeranye n'aya masezerano, igomba kumenyeshwa urundi ruhande bikozwe mu nyandiko mu gihe cy'iminsi irindwi (7) y'akazi mbere y'uko impinduka iba.

**Ingingo ya 7** : Iyo uzigamirwa akeneye gusubizwa amafaranga yazigamye hatubahirijwe igihe cy'amezi makumyabiri n'ane ***(24)*** yari yiyemeje ahabwa amafaranga yazigamye nta nyungu. Iyo nanone uzigamirwa atubahirije itariki yagenwe yo kuba amafaranga ya buri kwezi ari kuri konti, amafaranga y'ubwizigame agezemo asubizwa kuri konti isanzwe nta nyungu, konti yo kuzigama igahita ifungwa.

**Ingingo ya 8**: Impaka zose zakomoka kuri aya masezerano zizakemurwa n'inkiko zibifitiye ububasha mu gihe ubwumvikane buzaba bwananiranye.

Bikorewe i Kigali, ku itariki ya **........../........./..........**, mu nyandiko **2**

**Umukono n'Amazina by'Uzigamirwa**

**......................................................**

**Umukono w'Umuyobozi w'ishami ry'ubucuruzi muri COPEDU PLC**

**......................................................**